AMASEZERANO Y'ITANGWA RY'AKAZI K'IGIHE GITO KU MUKOZI WO GUFASHA URUGANDA RUTUNGANYA KAWA.

Hagati y'uruganda rutunga umusaruro wa kawa rwa .....rukorera mu karere ka.....umurenge wa.....nk'umukoresha, kuruhande rumwe ndetse na .....ufite irangamuntu No : ....., na telefone No ....., nk'umukozi kurundi ruhande, bemeranyijwe ibi bikurikira :

Aya n'amasezerano y'umurimo y'igihe gito, azatangira gukurikizwa igihe azaba yashyiriweho umukono n'impande zombi. Afite agaciro mugihe kingana n'amezi abiri n'igice (2.5).

1. Ingingo z, ibanze

Umukoresha yiyemeje gutanga akazi k'umwanya w'umukozi uzafasha uruganda mugihe cy'iterwa ry'ifumbire ndetse n'imiti bikoreshwa mu gihingwa cya kawa, mugihembwe cy'ihanga cya 2023A.

Umukozi azakorana n'abakozi basanzwe b'uruganda ndetse n'ubuyobozi bw'umurenge, mubikorwa byo gutera ifumbire n'imiti mubipimo bya kawa, hakazifashishijwe ikoranabuhanga rya Smart Kungahara System.

2. Inshingano z'umukozi

Umukozi kugirango abashe gukora akazi ashinzwe neza agomba kubahiriza ishingano zikurikira.

- Gufasha abakozi basanzwe b'uruganda kwinjiza mwikoranabuhanga rya Smart Kungahara System ifumbire yahawe buri muhinzi wa kawa ndetse n'umiti watewe.
- Agomba gukurikirana ko buri muhinzi ahabwa ifumbire ijyanye n'umubare w'ibiti bya kawa umuhinzi afite kandi ko byinjijwe neza muri SKS.
- Mugihe cyo kwinjiza ifumbire yahawe umuhinzi muri Smart Kungahara System agomba kubahiriza amabwiriza yatanzwe na NAEB.
- Ibituma umuhinzi adahabwa ifumbire yagenewe bigaragara mu mabwiriza, byose bigomba kugaragazwa muri SKS.
- Umukozi agomba gukora raporo y'ifumbire n'imiti byahawe abahinzi, akayishyikiriza ubuyobozi bw'uruganda. Kandi agomba kugaragaza ko abo bahinzi bose binjijwe muri SKS.
- Buri kibazo yahura nacyo agomba kwihutira kukimenyesha ubuyobozi byihuse kugirango gishakirwe igisubizo.
- Gufatanya n'abakozi b'uruganda ndetse n'ubuyobozi bw'umurenge mugutunganya raporo igendanye n'iterwa ry'ifumbire ndetse n'imiti.
- Kuzuza ishingano ndetse no gukomeza gukurikirana iki gikorwa cyo gutanga ifumbire n'imiti n'igihe umuyobozi w'uruganda adahari.
- Gufata neza ibikoresho yaba yahawe kugirango bimufashe kunoza akazi.

- ❖ Kuba yakora indi mirimo iyo ariyo yose asabwe n'ubuyobozi w'uruganda ariko ijyanye n'igikorwa cyo gutanga ifumbire ndetse n'imiti muri iki gihembwe cy'ihinga cya 2023A.

3. Inshingano z'umukoresha

- ❖ Kwishyura amafaranga y'Urwanda ibihumbi ijana na bitandatu na magana atanu (106,500) buri kwezi, habariwemo na 15% y'umusoro.
- ❖ Kugenera umukozi aho gukorera.
- ❖ Gushyikiriza ibyangombwa byose umukozi kugirango abashe gukora akazi neza.
- ❖ Gukurikirana imikorere y'umukozi umunsi ku wundi kugeza akazi karangiye.
- ❖ Gutanga kopi y'amasezerano yagiranye n'umukozi kuri CEPAR aherekejwe n'icyemezo cya vuba kigaragaza ko konti y'umukozi usabirwa kwishyurwa ko ikora.

4.Umushahara n'ibindi umukozi agenewe

Umukozi azajya ahembwa buri kwezi, amafaranga y'Urwanda ibihumbi ijana na bitandatu na magana atanu (106,500 Rwf) habariwemo n'umusoro wa 15%. Aya mafaranga akubiyemo umushahara, amafaranga y'urugendo ndetse n'itumanaho.

Umushahara we uzajya unyuzwa muri konti ikurikira kandi ikora neza, yafunguje muri banki ya .....

Numero za konti : .....

5. Igihe amasezerano azamara

Aya masezerano afite agaciro kuva igihe ashyiriweho umukono n'impande zombi zirebwa nayo(umukoresha&umukozi), kandi afite agaciro mugihe cy'amezi abiri n'igice (2.5). akazatangira gukurikizwa guhera kw'itariki ya 15/10/2022.

6.Ubukemurampaka

- ❖ Umukozi agomba kwirinda ikintu cyose cyatuma agirana ikibazo n'umukoresha giturutse mukubangamira stock y'ububiko bw'ifumbire n'imiti.
- ❖ Igihe habaye ikibazo gikemurwa mu bwumvikane, byakanga hakiyambazwa inzego zibifitiye uburenganzira
- ❖ Mu kitaba cyavuzwe muri aya masezerano cyangwa icyavuzwe cyavukamo kutumvikana icyo gihe hakwiyambazwa inzego zibifiteye ububasha.

Mugusinya aya masezerano, impande zombi zemeranyijwe kugingo zose ziyakubiyemo.

Amazina y'umukozi	Umukono w'umukozi	Itariki
Amazina y'umukoresha	Umukono w'umukoresha	Itariki